**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'IMARI N'IGENAMIGAMBI**

# IJAMBO K'UMUSHINGA W'INGENGO Y'IMARI

# Y'UMWAKA WA 2017/2018

**<u>INSANGANYAMATSIKO:</u>** ***KUZAMURA UBUKUNGU KU BURYO BURAMBYE TWIBANDA KU BIKORWAREMEZO NO GUTEZA IMBERE IBIKORERWA IWACU***

**Rigejejwe ku Nteko Ishinga Amategeko**

**Tariki ya 08 Kamena 2017**

**na**

**Claver GATETE**

**Minisitiri**

**INTANGIRIRO**

***Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;***
***Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;***
***Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko*;**

1. Nk'uko biteganywa n'amategeko cyane cyane ingingo ya 162 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 ndetse n'ingingo ya 35 n'iya 38 z'Itegeko Ngenga ryerekeye Imari n'Umutungo bya Leta nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu; Mu izina rya Guverinoma, nejejwe no kubagezaho Umushinga w'itegeko rigena Ingengo y'Imari y'Umwaka wa 2017/18 ndetse n'ingamba z'ubukungu mu gihe giciriritse.

2. Nk'uko mubizi, imbanzirizamushinga y'iyi ngengo y'imari ya 2017/18 twayibagejejeho mu mpera z'ukwezi kwa kane, tukaba tubashimira ibitekerezo mwayitanzeho tubizeza kandi ko byitaweho mu kunoza uyu mushinga w'itegeko tubagezaho uyu munsi.

3. Insanganyamatsiko y'ingengo y'imari mbagezaho uyu munsi igira iti: ***"Kuzamura Ubukungu Ku Buryo Burambye Twibanda Ku Bikorwaremezo no Guteza Imbere Ibikorerwa Iwacu"***; ikaba yaratoranijwe mu rwego rwo gushimangira ingamba twashyizeho zigamije koroshya ikiguzi cy'ishoramari mu gihugu cyacu binyuze mu kongera ibikorwaremezo ndetse no kongera umusaruro w'ibicuruzwa twohereza ku isoko mpuzamahanga harimo no kubyongerera agaciro (value addition) kugira ngo tubashe guhangana n'ingorane dutezwa n'imiterere y'isoko mpuzamahanga.

***Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;***
***Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;***
***Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko*;**

4. Iri jambo ku mushinga w'ingengo y'imari ya 2017/18 no mu gihe gicirirtse mbagezaho uyu munsi rikaba rikubiyemo ibice bine by'ingenzi bikurikira:

   a) Ndabanza kubagezaho mu ncamake imiterere y'ubukungu ku rwego rw'Isi mu mwaka wa 2016 muri rusange ndetse n'imitere y'ubukungu bw'igihugu cyacu by'umwihariko hamwe n'uko buteganyijwe kuzamuka mu mwaka wa 2017 na 2018;
   b) Mu gice cya kabiri, ndabagezaho mu ncamake aho tugeze dushyira mu bikorwa ingengo y'imari ya 2016/17;
   c) Mu gice cya gatatu, ndabagaragariza ingamba z'ubukungu bw'igihugu cyacu mu gihe gicirirtse.
   d) Mu gusoza ndabagezaho gahunda z'ibikorwa na politiki y'ubukungu bikubiye muri uyu mushinga w'ingengo y'imari ya 2017/18 n'ingamba zizadufasha kuyishyira mu bikorwa.

## I. IMITERERE Y'UBUKUNGU BW'ISI MU MWAKA WA 2016

***Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;***
***Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;***
***Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko*;**

5. Raporo ku bukungu bw'Isi (World Economic Outlook) yatangajwe n'Ikigega Mpuzamahanga cy'Imari (IMF) muri kamena 2017, igaragaza ko ubukungu bw'Isi bwazamutse ku gipimo cya 3.1 ku ijana mu mwaka wa 2016, bukaba bwitezwe kuzamuka ku gipimo cya 3.5 ku ijana mu mwaka wa 2017 no ku gipimo cya 3.6 ku ijana mu mwaka wa 2018 ahanini biturutse ku kwiyongera

k'Ubukungu bw'ibihugu bikize ndetse n'ibindi bifite umuvuduko wihuta mu iterambere (emerging markets).

6. Ubukungu bw'ibihugu byo munsi y'ubutayu bwa Sahara bwazamutse ku gipimo cya 1.4 ku ijana mu mwaka wa 2016, bukaba bwitezwe kuzamuka ku gipimo cya 2.8 ku ijana mu mwaka wa 2017, no ku gipimo cya 3.7 ku ijana mu mwaka wa 2018 bitewe ahanini no kuba ubukungu bw'ibihugu nka Nigeria, Afurika y'Epfo n'Angola buteganyijwe kongera kuzamuka.

7. Ubukungu bw'ibihugu byo mu muryango w'Afurika y'Iburasirazuba **(EAC)** bwazamutse ku gipimo cya 5.8 ku ijana mu mwaka wa 2016, bikaba byitezwe ko buzagabanukaho gato bukagera ku gipimo cya 5.7 ku ijana mu mwaka wa 2017 bukazongera kuzamuka kugera ku gipimo cya 6.1 ku ijana mu mwaka wa 2018.

## II. IMITERERE Y'UBUKUNGU BW'IGIHUGU CYACU MU MWAKA WA 2016

8. Ubukungu bw'igihugu cyacu bwazamutse ku gipimo cya 5.9 ku ijana mu mwaka wa 2016, kikaba kiri hasi gato ugereranije n'igipimo cya 6 ku ijana cyari giteganyijwe ahanini kubera umusaruro w'urwego rw'ubuhinzi utaragenze neza kubera imihindagurikire y'ikirere mu gihugu cyacu ndetse no mu bihugu byo mu karere.

9. Igipimo cy'izamuka ry'ibiciro ku masoko cyakomeje kuba hejuru ya 5 ku ijana kuva mu kwezi kwa Kamena 2016 ndetse kigera kuri 7.3 ku ijana mu mpera z'umwaka wa 2016 kubera ahanini izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa byatewe n'amapfa, hakiyongeraho ingaruka zituruka ku kuzamuka kw'ibiciro by'ibyo dutumiza ku isoko mpuzamahanga bitewe no gutakaza agaciro k'ifaranga ryacu ku gipimo cya 9.7 ku ijana mu mwaka wa 2016.

10. Mu rwego rw'ubuhahirane n'amahanga, ikinyuranyo hagati y'ibyo dutumiza n'ibyo twohereza mu muhanga (goods & services) cyiyongereye ku gipimo cya 5.9 ku ijana mu mwaka wa 2016. Agaciro k'amabuye y'agaciro twohereza mu mahanga kakaba karagabanutse ku gipimo cya 26.6 ku ijana mu mwaka wa 2016 ugereranyije n'igipimo cya 42 ku ijana kari kagabanutseho mu mwaka wa 2015 kubera igabanuka ry'ibiciro.

11. Ku birebana n'iterambere ry'urwego rw'imari, ingamba twashyizeho zafashije mu kongera amafaranga akoreshwa ku isoko (broad money) ku gipimo cya 7.6 ku ijana mu mwaka wa 2016, bigatuma inguzanyo zahawe urwego rw'abikorera ziyongera ku gipimo cya 7.8 ku ijana.

12. Urwego rw'amabanki muri rusange rukaba rwarakomeje kugira amafaranga ahagije yo gukoresha kuko igipimo cy'amafaranga mu mabanki (liquidity ratio) mu mwaka wa 2016 cyari kuri 42.5 ku ijana ugereranyije n'igipimo cyo hasi ntarengwa cya 20 ku ijana gisabwa na Banki Nkuru y'Igihugu (BNR). Impuzandengo y'imari shingiro y'amabanki (capital adequacy ratio) ikaba yari ihagaze ku gipimo cya 22.4 ku ijana cyari hejuru ugereranyije n'igipimo cyo hasi cya 15 ku ijana gisabwa n'amategeko.

13. Isoko ry'imari n'imigabane mu gihugu cyacu naryo ryakomeje gutera imbere no kwiyubaka kuko hacurujweho impapuro z'agaciro n'imigabane zifite agaciro karenga Miliyari 50 z'amafaranga y'u Rwanda. Nyuma yuko muri uyu mwaka I&M Bank Rwanda igiriye ku isoko ry'imari n'imigabane, ubu dufite ibigo by'ubucuruzi n'amabanki bigera ku 8 bicururiza kuri iri soko, aribyo biha abanyarwanda uburyo butandukanye bwo kwizigamira no gushora imari mu gihe kirekire.

***Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;***
***Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;***
***Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko*;**

Munyemerere mbagezeho aho tugeze dukoresha ingengo y'imari ivuguruye y'umwaka wa 2016/17 ndetse n'ibikorwa by'ingenzi byagezweho.

14. Mu kwezi kwa Mutarama 2017, Inteko Ishinga Amategeko yemeje ingengo y'imari ivuguruye ya 2016/17 igera kuri Miliyari 1,954.2 z'amafaranga y'u Rwanda. Muri rusange ishyirwamubikorwa ry'iyi ngengo y'imari rikaba rigenda neza.

15. Kugera mu mpera z'ukwezi kwa Werurwe 2017, amafaranga aturuka ku misoro yinjijwe yageze kuri Miliyari 794.9 z'amafaranga y'u Rwanda, akaba yararenzeho agera kuri Miliyari 4.8 ugereranyije na Miliyari 790.1 yari ateganyijwe. Amafaranga akomoka ku mahoro yinjijwe aragera kuri Miliyari 147.4, akaba yariyongereyeho agera kuri Miliyari 30.5 z'amafaranga y'u Rwanda ugereranyije na Miliyari 116 z'amafaranga y'u Rwanda yari ateganyijwe kubera ahanini ayaturutse mu bikorwa by'ingabo zacu mu kubungabunga amahoro n'umutekano hirya no hino ku isi.

16. Amafaranga yinjijwe aturutse hanze y'igihugu harimo impano n'inguzanyo aragera kuri Miliyari 491.5, akaba yaragabanutseho agera kuri Miliyari 33.1 z'amafaranga y'u Rwanda ugereranyije na Miliyari 524.6 yari ateganyijwe. Ibi bikaba byaratewe no gutinda kw'inkunga zimwe na zimwe, nubwo dufite icyizere ko umwaka w'ingengo y'imari uzarangira zose zatanzwe.

17. Ku birebana n'uburyo amafaranga yakoreshejwe, imibare dufite igaragaza ko kugera mu mpera z'ukwezi kwa Werurwe 2017 hakoreshejwe amafaranga agera kuri Miliyari 1,375.3 z'amafaranga y'u Rwanda, akaba yararenzeho agera kuri Miliyari 33.2 ugereranyije na Miliyari 1,342.1 yari ateganyijwe

gukoreshwa. Ayakoreshejwe mu ngengo y'imari isanzwe (Recurrent expenditures) akaba yarageze kuri Miliyari 804, naho ayakoreshejwe mu mishinga y'iterambere n'ishoramari rya leta (development projects and net lending) yo yageze kuri Miliyari 571.2 z'Amafaranga y'u Rwanda.

18. Muri rusange iyi mibare ikaba iduha icyizere ko ingengo y'imari ivuguruye y'umwaka wa 2016/17 yemejwe n'Inteko Ishinga Amategeko izakoreshwa nk'uko byateganyijwe.

***Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;***
***Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;***
***Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko*;**

Nyuma yo kubagaragariza aho tugeze dushyira mu bikorwa ingengo y'imari ya 2016/17 yatowe n' Inteko Ishinga Amategeko, munyemerere mbagezeho mu ncamake ibikorwa by'ingenzi byagezweho kugera mu mpera z'igihembwe cya gatatu:

## *a) Urwego rw'Ubuhinzi n'Ubworozi*

19. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho kugera mu mpera z'ukwezi kwa gatatu ni ibi bikurikira:

    - ✓ Mu rwego rwo gukomeza kongera umusaruro ukomoka k'ubuhinzi twatunganyije ubuso buhingwaho ibihingwa bitandukanye harimo hegitari ibihumbi 345,752.7 zihingwaho ibigori, hegitari ibihumbi 739,381 zihingwaho ibishyimbo; hegitari ibihumbi 23,358 zihingwaho Soya; hegitari ibihumbi 122,360 zihingwaho ibirayi; hegitari ibihumbi 50,073.5 zihingwaho ingano na hegitari ibihumbi 67,663 zihingwaho imyumbati;

- ✓ Twatanze imbuto z'indobanure ku bahinzi harimo ibigori bingana na Toni ibihumbi 10,532, Soya igera kuri Toni 164 n' imbuto z'ibirayi zigera kuri Toni 1,045, ndetse n'imbuto z'imyumbati;
- ✓ Twatunganije amaterase y'indinganire ku buso bungana na hegitari ibihumbi 5,338.5;
- ✓ Inka ibihumbi 40,654 zatewe intanga mu rwego rwo kongera umusaruro ukomoka ku bworozi;
- ✓ Twakomeje ibikorwa bitandukanye bigamije kongera umusaruro ukomoka ku bworozi bw'amafi; harimo guhugura abarobyi mu buryo bwo kugaburira amafi aribyo byatumye umusaruro warageze kuri toni ibihumbi 18,184 mu mpera z'umwaka wa 2016;
- ✓ Umusaruro w'ikawa woherejwe mu mahanga wageraga kuri Toni ibihumbi 2,157 hamwe na Toni 1,872 z'icyayi mu mwaka wa 2016/17.
- ✓ Twakomeje gutanga ishwagara mu turere dufite ubutaka busharira twa Nyamagabe, Nyaruguru, Nyamasheke na Karongi mu rwego rwo kongera umusaruro w'abahinzi muri utwo turere;
- ✓ Umusaruro w'indabo twohereza mu mahanga wageze kuri Toni 144;
- ✓ Imbuto twohereza mu mahanga ziyongereye ku gipimo cya 169 ku ijana, naho imboga zo ziyongera ku gipimo cya 101 ku ijana;
- ✓ Mu rwego rwo guhangana n'indwara z'imyumbati, twatumije imbuto z'imyumbati zingana n'ingeri Miliyoni icumi zatewe ku buso bungana na hegitari ibihumbi 67, tukaba tunakomeje ubushakashatsi bwo kuzitubura;
- ✓ Umusaruro w'inyama n'ibizikomokaho twohereje mu mahanga wiyongereye ku gipimo cya 34 ku ijana;

### *b) Urwego rw'ubucuruzi n'inganda*

20. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho kugera mu mpera z'ukwezi kwa gatatu ni ibi bikurikira:

- ✓ Twakomeje gutunganya igice kigenewe inganda mu karere ka Bugesera imirimo ikaba igeze ku gipimo cya 37 ku ijana;
- ✓ Imirimo yo kwimura abantu (expropriation) ahazubakwa Ikigo cy'Ubucuruzi kizafasha kwakira, kubika no koroshya urujya n'uruza rw'ibicuruzwa (Kigali Logistics Platform) yaratangiye, ikaba igeze ku gipimo cya 90 ku ijana;
- ✓ Twakomeje gahunda yo kwimura inganda ziri i Gikondo, harimo Amagaraje 19, naho imirimo yo kwimura inganda nini 9 igeze kugipimo cya 94 ku ijana;
- ✓ Hatunganyijwe ibikorwaremezo byoroshya ubucuruzi bwambukiranya imipaka (Cross-border trade facilities) mu turere twa Burera na Karongi imirimo ikaba igeze ku gipimo cya 74 ku ijana;
- ✓ Twakomeje guteza imbere ibikorerwa iwacu, imirimo yo gushyiraho uruganda rw'imyenda mu gace kihariye kagenewe inganda (KSEZ) igeze ku gipimo cya 90 ku Ijana;

### *c) Urwego rwo gutwara abantu n'ibintu*

21. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho kugera mu mpera z'ukwezi kwa gatatu ni ibi bikurikira:
    - ✓ Imirimo yo kubaka umuhanda uzenguruka Ikiyaga cya Kivu mu gace ka Rubengera-Gisiza (Kivu belt Lot 6) igeze ku kigereranyo cya 52.4 ku ijana, naho iyo kubaka agace ka Gisiza-Rubavu (Kivu belt Lot 7) yo ikaba igeze ku kigereranyo cya 72.4 ku ijana;
    - ✓ Imirimo yo kubaka Umuhanda Base-Butaro-Kirambo yaratangiye ikaba igeze ku gipimo cya 14.7 ku ijana;
    - ✓ Imirimo yo kubaka umuhanda wa Base-Rukomo igeze ku gipimo cya 30 ku ijana;
    - ✓ Twasannye umuhanda wa Ruhango–Kinazi-Rutabo na Kinazi-Mukunguri, imirimo ikaba iteganyijwe kurangira mu mpera z'uyu mwaka;
    - ✓ Imirimo yo kubaka umuhanda Mbuga–Mpimbi-Burerabana-Nyabinoni Lot 1 igeze ku gipimo cya 87.5 ku ijana ;
    - ✓ Imirimo yo kubaka Umuhanda Rwamagana-Gishali yararangiye;

- ✓ Twasannye umuhanda Rukali-Kabuga mu Karere ka Nyanza ufite, imirimo ikaba igeze ku gipimo cya 93.9 ku ijana;
- ✓ Imirimo yo kubaka umuhanda Pindura-Bweyeye igeze ku gipimo cya 60 ku ijana;
- ✓ Muri gahunda yo gufata neza imihanda mu gihe kirekire (maintenance) twatunganyije umuhanda Kigali-Huye-Akanyaru ufite ibirometero 157 n'umuhanda Kigali-Kayonza ufite ibirometero 74.8, imirimo ikaba igeze ku gipimo cya 95 ku ijana.
- ✓ Hakozwe imihanda yo mu mijyi ya Musanze na Rubavu ifite uburebure bugera ku birometero 7;
- ✓ Twakomeje kandi imirimo yo kwagura no gusana imihanda yo mu mujyi wa Kigali, imirimo ikaba ikomeje;
- ✓ Haguzwe indege nshya 2 zo mu bwoko bwa Airbus A330-200 na A330-300, ndetse hanakodeshwa mu gihe kirekire (leasing) izindi 2 zo mu bwoko bwa Boeng 737-800 muri gahunda yo gukomeza kwagura ibikorwa bya RWANDAIR;

### *d) Urwego rw'ingufu, amazi n'isukura*

22. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho kugera mu mpera z'ukwezi kwa gatatu ni ibi bikurikira:
    - ✓ Ingo zigera ku bihumbi 33,932 zahawe amashanyarazi, ugereranije n'izigera ku bihumbi 24,891 zari ziteganijwe guhabwa umuriro;
    - ✓ Ingo ibihumbi 255,550 zahawe amashanyarazi ashingiye ku ngufu z'imirasire y'izuba ku bufatanye n'abikorera;
    - ✓ Hubatswe umuyoboro w'amashanyarazi wa Shangano – Rubavu
    - ✓ Twakomeje imirimo yo kwagura no gusana imiyoboro y'amazi aturuka ku ruganda rwa Nzove ya I n'iya II mu bice bitandukanye by'umujyi wa Kigali ku birometero 115.5, ikaba igeze ku gipimo cya 68 ku ijana;
    - ✓ Hubatswe umuyoboro w'amazi wa Nyungwe-Kibeho-Ndago-Coko;
    - ✓ Hubatswe umuyoboro w'amazi Giheke-Kamembe-Nkanka mu karere Ka Rusizi;
    - ✓ Hubatswe umuyoboro ugeza amazi meza ku baturage ibihumbi 17,500 batuye ku kirwa cya Nkombo;

- ✓ Hubatswe umuyoboro w'amazi Ruhashya-Ntyazo mu karere ka Nyanza, imirimo ikaba igeze ku gipimo cya 42 ku ijana;
- ✓ Hubatswe imiyoboro y'amazi ya Rwimiyaga–Karangazi na Matimba-Kagitumba;
- ✓ Hubatswe umuyoboro w'amazi Nyabizi-Butaro-Kivuye ugera kuri kaminuza ya Global Health Equity muri Butaro, imirimo ikaba igeze ku gipimo cya 24 ku ijana;
- ✓ Imirimo yo kubaka imiyoboro y'amazi ya Karuruma-Gatsata na Muko-Jali igeze ku gipimo cya 40 ku ijana.

### *e) Urwego rw' Uburezi*

23. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho kugera mu mpera z'ukwezi kwa gatatu ni ibi bikurikira:
    - ✓ Twahuguye abarimu bazahugura abandi bagera 3,563 mu masomo atandukanye, naho abarimu bagera kuri 806 bongerewe ubumenyi mu rurimi rw'icyongereza;
    - ✓ Twubatse ibyumba by'amashuri 350 n'ubwiherero 296;
    - ✓ Twatanze Mudasobwa zigera 672 zigendanwa (XO laptops) mu rwego rwo gushyira mu bikorwa Gahunda ya Mudasobwa kuri buri mwana (One Laptop Per Child Program), hanatangwa kandi mudasobwa mu mashuri agera kuri 393 mu rwego rwo guteza imbere imyigishirize ikoresha ikoranabuhanga (Smart classrooms);
    - ✓ Twahuguye abarimu bagera ku bihumbi 126,165 muri gahunda yo kwigisha gusoma no kwandika ku bantu bakuru batabashije kugera mu ishuri;
    - ✓ Havuguruwe amashuri y'imyuga ya Nyamata TSS, Kavumu VTC, Mpanda VTC, Nelson Mandela na Gisenyi VTC imirimo ikaba ikomeje;
    - ✓ Imirimo yo kubaka ikigo cy'igihugu cy'amahugurwa y'ubumenyingiro cya Kicukiro igeze ku gipimo cya 95 ku ijana;

- ✓ Twafashije urubyiruko rw'abanyeshuri rugera ku bihumbi 12,432 bize amashuri y'imyuga mu kwihangira imirimo binyujijwe muri gahunda ya KORA WIGIRE (NEP);
- ✓ Imirimo yo kubaka amashuri y'imyuga yemewe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika mu turere twa Nyabihu, Muhanga na Rulindo irakomeje.

### *f) Mu rwego rw' Ubuzima*

24. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho kugera mu mpera z'ukwezi kwa gatatu ni ibi bikurikira:
    - ✓ Twatanze inzitiramibu zingana na Miliyoni 6 mu rwego rwo kurwanya Maraliya;
    - ✓ Twateye imiti yo kurwanya Maraliya mu ngo ibihumbi 386,034 mu turere twa Bugesera, Gisagara, Gatsibo, Nyagatare na Kirehe ku gipimo cya 99.5 ku ijana, ndetse tukazanakomeza iki gikorwa muri uyu mwaka mu turere twa Huye na Nyanza;
    - ✓ Twakomeje kandi gahunda yo kuvura Malariya ku buntu ku baturage bari mu cyiciro cya I n'icya II by'Ubudehe;
    - ✓ Twashyize mu myanya abaganga b'inzobere bagera kuri 71 mu bitaro n'amavuriro atandukanye, naho abaganga bagera kuri 280 bakaba bakomeje gufashwa gukurikirana amasomo abongerera ubumenyi mu kazi kabo (specialization);
    - ✓ Twakomeje kurwanya imirire mibi mu bana bari munsi y'imyaka 5 bagera ku bihumbi 47,000 bagaragaje ibimenyetso byo kugwingira mu turere 11 binyuze mu gutanga ibiryo bifite intungamubiri (Fortified Blended food) bigera kuri toni 524;

- ✓ Mu rwego rwo gukomeza kurwanya icyorezo cya SIDA ababana n'ubwandu ibihumbi 178,021 bafashijwe kubona imiti igabanya ubukana bw'iki cyorezo;
- ✓ Imirimo yo kubaka ibitaro bya Byumba igeze ku gipimo cya 40 ku ijana; naho imirimo yo kubaka ibitaro bya Shyira iri kurangira;
- ✓ Imirimo yo gusana no kwagura ibitaro bya Byumba irakomeje, ikazarangira mu mezi 8 ari imbere;

### *g) Imibereho myiza y'abaturage n'ibidukikije*

25. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho kugera mu mpera z'ukwezi kwa gatatu ni ibi bikurikira:
    - ✓ Imiryango igera ku bihumbi 111,687 yahawe inkunga y'ingoboka binyujijwe muri gahunda ya VUP ifasha abatishoboye, naho imiryango igera ku bihumbi 84,356 yafashijwe kwikura mu bukene binyujijwe mu gukora imirimo y'inyungu rusange (public works);
    - ✓ Imiryango ibihumbi 18,196 yahawe inka muri Gahunda ya GIRINKA MUNYARWANDA.
    - ✓ Abana bagera ku bihumbi 80,878 bahawe amata muri Gahunda y'inkongoro y'umwana;
    - ✓ Mu rwego rwo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, hubatswe ibigo 17 bya Isange One Stop Center bitanga ubufasha ku bahohotewe;
    - ✓ Twakomeje kandi gahunda yo gushakira imiryango abana 1,070, harimo 618 bakuwe mu mihanda, 397 bavuye mu bigo by'imfubyi hamwe n'abagera kuri 55 bavukiye mu magereza atandukanye;
    - ✓ Mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije, twateye ibiti ku buso bushya bungana na hegitari ibihumbi 5,686;
    - ✓ Ikigega cyo kubungabunga ibidukikije (FONERWA) cyateye inkunga imishinga itandukanye igamije kubungabunga ibidukikje ifite agaciro ka Miliyari 12.1 z'amafaranga y'u Rwanda;
    - ✓ Twubatse imirwanyasuri ku buso bwa hegitari 1,679 mu rwego rwo gukumira isuri;

### *h) Mu rwego rw'ubutabera*

26. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho kugera mu mpera z'ukwezi kwa gatatu ni ibi bikurikira:

- ✓ Hashyizweho ikoranabuhanga ryifashishwa mu gutanga ibirego mu nkiko; aho kugeza ubu inkiko 45, ibigo 52 bya Police y'igihugu ndetse n'ibiro by'ubushinjacyaha 40 bishobora gukorana mu kazi kabyo binyujijwe muri ubu buryo bw'ikoranabuhanga;
- ✓ Twakomeje imirimo yo kubaka urukiko rwa Nyanza, imirimo ikaba igeze ku gipimo cya 83.5 ku ijana;
- ✓ Twakomeje kandi imirimo yo kubaka Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, imirimo ikaba igeze ku gipimo cya 22.8 ku ijana;
- ✓ Hatanzwe amagare ibihumbi 4,343 mu rwego rwo korohereza abunzi imirimo yabo ndetse Leta ikaba yarakomeje kubatangira umusanzu w'ubwisungane mu kwivuza;
- ✓ Igikorwa cyo kubaka Laboratoire y'ikitegererezo ya Kigali (Kigali Forensic Laboratory) kigeze ku gipimo cya 98 ku ijana ndetse abakozi bacyo bakaba barahuguwe;
- ✓ Imirimo yo kubaka Gereza ya Mageragere igeze ku gipimo cya 65.2 ku ijana; iya Rubavu igeze ku gipimo cya 97 ku ijana naho iya Rwamagana bigeze ku gipimo cya 70 ku ijana.

## III. INGAMBA Z'UBUKUNGU MU GIHE GICIRIRITSE

***Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;***
***Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;***
***Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko*;**

27. Nyuma yo kubagezaho ibikorwa by'ingenzi twagezeho mu mwaka wa 2016/17 mu nzego zitandukanye, munyemerere mbagezeho ingamba z'ubukungu tuzibandaho mu ngengo y'imari ya 2017/18 no mu gihe giciriritse.

28. Muri rusange ingamba z'ubukungu zikubiye mu ngengo y'imari ya 2017/18 ndetse no mu gihe gicirirtse zizibanda ku gukomeza koroshya ishoramari mu gihugu cyacu no guteza imbere ibikorerwa iwacu nk'uko nabivuze mu nsanganyamatsiko y'iyi ngengo y'imari ntangira. Bikaba biteganyijwe ko ubukungu bwacu buziyongera ku gipimo cya 6.2 ku ijana mu mwaka wa 2017 no ku gipimo cya 6.8 ku ijana mu mwaka wa 2018.

29. Umusaruro w'ubuhinzi uteganijwe kuzamuka ku gipimo cya 4.6 ku ijana mu mwaka wa 2017 na 2018 ahanini bikazashingira ku ishoramari ririmo gukorwa mu buhinzi rijyanye no guhuza ubutaka, gutanga ifumbire n'imbuto z'indobanure ndetse no kuhira imyaka no kongera ubushakashatsi ku mbuto z'indobanure hamwe n'indwara zikunze kwibasira ibihingwa bitandukanye.

30. Mu rwego rw'inganda, umusaruro uteganijwe kwiyongera ku gipimo cya 9.2 ku ijana muri iyi myaka ibiri ikurikira bitewe ahanini na gahunda yo guteza imbere umusaruro w'inganda zacu muri gahunda ya **"Made in Rwanda"** ndetse n'umusaruro w'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bigaragara ko utangiye kuzamuka. Urwego rw'ubwubatsi ruziyongera ku gipimo cya 5.4 ku ijana mu mwaka 2017, rukazakomeza kuzamuka kugera ku 10.5 ku ijana mu mwaka wa 2018 cyane cyane bitewe n'imirimo yo kubaka ikibuga cy'indege cya Bugesera.

31. Urwego rwa serivisi ruteganyijwe kwiyongera ku gipimo cya 6.7 ku ijana mu mwaka wa 2017 no ku gipimo cya 7.1 ku ijana mu mwaka wa 2018.

32. Kubijyanye n'izamuka ry'ibiciro ku masoko, biteganyijwe ko bizakomeza kuzamuka kugera ku kigereranyo cya 7 ku ijana muri 2017 bitewe ahanini n'izamuka ry'ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli ndetse n'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa , bikazagera ku gipimo cya 6 ku ijana mu mwaka wa 2018.

33. Ku bijyanye n'ubuhahirane n'amahanga, ikinyuranyo kiri hagati y'ibyo dutumiza n'ibyo twohereza mu mahanga (Trade balance for goods and services) kizagabanuka ku gipimo cya 24.2 ku ijana mu mwaka wa 2017, ahanini bitewe n'ibicuruzwa twohereza mu mahanga biziyongera ku gipimo cya 21.8 ku ijana. Ibicuruzwa dutumiza mu mahanga biteganyijwe kugabanuka ku gipimo cya 3 ku ijana mu mwaka wa 2017, mbere yo kwiyongera ku gipimo cya 10.1 ku ijana mu mwaka wa 2018.

34. Ku bijyanye na politiki y'imari, Banki Nkuru y'u Rwanda izakomeza gukurikiranira hafi impinduka zose muri uru rwego ari nako ifasha amabanki kugira amafaranga ahagije. Ingano y'amafaranga akoreshwa ku isoko (broad money) ikaba iteganyijwe kuziyongera ku gipimo cya 12.9 ku ijana muri 2017 no ku gipimo cya 13.2 ku ijana mu mwaka wa 2018. Uku kwiyongera kukazafasha mu kuzamura inguzanyo zihabwa abikorera ku gipimo cya 17.5 ku ijana mu mwaka wa 2017 no ku gipimo cya 14.4 ku ijana mu mwaka wa 2018.

35. Mu mwaka wa 2017 biteganyijwe ko isoko ry'ivunjisha ritazahungabana kubera amafaranga azinjira mu gihugu avuye ku byo twohereza mu mahanga ndetse n'ibyo dutumiza bizagabanuka.

## IV. INGENGO Y'IMARI Y'UMWAKA WA 2017/2018

***Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;***
***Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;***
***Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko*;**

36. Nyuma yo kubagezaho ingamba z'ubukungu mu gihe giciriritse, munyemerere mbagezeho ibikubiye mu ngengo y'imari ya 2017/18 ndetse n'uburyo amafaranga asaranganyijwe mu bikorwa by'ingenzi byateganyijwe.

37. Hashingiwe ku ngamba z'igihe gicirirtse nabagaragarije haruguru, ingengo y'imari y'umwaka wa 2017/18 ingana na **Miliyari 2,094.9** z'amafaranga y'u Rwanda, akaba yiyongeraho agera kuri **Miliyari 140.7** bingana na **7 ku ijana** ugereranyije na **Miliyari 1,954.2** yari mu ngengo y'imari ivuguruye ya 2016/17;

38. Amafaranga ateganyijwe kwinjira ava imbere mu gihugu angana na **Miliyari 1,375.4** z'amafaranga y'u Rwanda aribyo bingana na **66 ku ijana** by'Ingengo y'Imari yose, akaba aziyongeraho agera kuri **Miliyari 134.3** ugereranyije na **Miliyari 1,241.1** yari mu Ngengo y'Imari ivuguruye ya 2016/17. Amafaranga akomoka ku misoro ateganyijwe kugera kuri **Miliyari 1,200.3** akaba aziyongeraho agera kuri **Miliyari 118.9**. Naho amafaranga akomoka ku bindi bitari imisoro ateganyijwe kungana na **Miliyari 139.0**.

39. Amafaranga aturuka ku nguzanyo zo hanze y'igihugu ateganyijwe kugera kuri **Miliyari 362.8** bingana na **17.3 ku ijana** by'ingengo y'imari yose. Amafaranga ava imbere mu gihugu ndetse n'inguzanyo angana na **Miliyari 1,738.2** bingana na **83 ku ijana** by'ingengo y'imari yose, mu gihe Inkunga z'amahanga ziteganyijwe kungana na **Miliyari 356.7** z'amafaranga y'u Rwanda bingana na **17 ku ijana** by'ingengo y'imari yose, aribyo byerekana ko turi mu murongo mwiza muri gahunda twihaye yo kwigira.

***Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;***
***Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;***
***Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko*;**

40. Ku birebana n'uburyo amafaranga azakoreshwa, ingengo y'imari yagenewe ibikorwa bisanzwe (recurrent expenditures) izagera kuri **Miliyari 1,125** z'amafaranga y'u Rwanda bingana na **54 ku ijana** by'ingengo y'imari yose ya 2017/18, ikaziyongeraho **Miliyari 131** z'amafaranga y'u Rwanda

ugereranyije na **Miliyari 994.0** mu mwaka wa 2016/17. Iyi nyongera ku ngengo y'imari isanzwe ikazafasha mu bikorwa byo gutegura amatora ya Perezida wa Repubulika, guteganya amafaranga y'imishahara no kwishyura imirimo na serivisi kubera ibigo bishya byashyizweho hamwe n'amavugurura yakozwe mu bigo bitandukanye.

41. Amafaranga ateganyijwe gukoreshwa mu mishinga y'iterambere (development projects) ndetse n'ishoramari rya Leta mu bikorwa by'ubucuruzi (Net lending) azagera kuri **Miliyari 931** z'amafaranga y'u Rwanda bingana na **44 ku ijana** by'ingengo y'imari yose ya 2017/18.

42. By'umwihariko, ibikorwa by'ingenzi tuzibandaho ni ibi bikurikira:
    a) **Kongera umusaruro w'ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga** byagenewe agera kuri **Miliyari 52.9** z'Amafaranga y'u Rwanda azakoreshwa mu bikorwa by'ingenzi harimo:
        - ✓ Kongera umusaruro w'imbuto, n'indabo (horticulture) zoherezwa mu mahanga;
        - ✓ Kongera ubuso buhingwaho icyayi;
        - ✓ Kubaka ibikorwaremezo bifasha abacuruzi kubika ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga (logistic facilities);
        - ✓ Gukomeza gutegura no kwakira inama mpuzamahanga mu gihugu cyacu;
        - ✓ Gushyira mu bikorwa umushinga w'ubucuruzi bw'inyama wa Gako Integrated Beef Farm.
    b) **Urwego rw'ubuhinzi** rwagenewe amafaranga agera kuri **Miliyari 110.5** z'amafaranga y'u Rwanda, akazakoreshwa mu bikorwa by'ingenzi harimo:
        - ✓ Gukomeza guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere ku musaruro w'ubuhinzi turushaho kongera ubuso bw'ubutaka bwuhirwa

harimo hegitari 1,367 ku misozi, hegitari 3,106 z'ibishanga; ndetse no gutanga ibikoresho bifasha kuhira kuri hegitari 5,844;

- ✓ Kongera umusaruro w'ubworozi;
- ✓ Gukemura imbogamizi zo mu rwego rw'ubuziranenge zibangamira abashoramari bacirirtse mu gucuruza inyama n'ibikomoka ku mata mu karere ndetse no mu mahanga;
- ✓ Gukomeza ubushakashatsi mu gutubura imbuto mu gihugu cyacu no gutanga inyongeramusaruro.

c) **Urwego rw'ingufu** rwagenewe amafaranga y'u Rwanda agera kuri **Miliyari 84**, akazakoreshwa mu bikorwa by'ingenzi harimo:

- ✓ Kwagura imiyoboro y'amashanyarazi mu rwego rwo gukwirakwiza amashanyarazi twibanda cyane cyane ahari ibikorwa rusange nk'inganda, amashuri, n'amavuriro;
- ✓ Gukomeza kwegereza abaturage uburyo bushya busimbura amakara mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije;
- ✓ Gukomeza gahunda yo kugeza amashanyarazi ku baturage hirya no hino mu gihugu.

d) **Urwego rwo gutwara abantu n'ibintu** rwagenewe amafaranga agera kuri **Miliyari 248.5**, akazakoreshwa mu bikorwa by'ingenzi harimo:

- ✓ Kubaka Ikibuga cy'Indege cya Bugesera, kwagura Ikibuga cy'Indege cya Kigali n'icya Kamembe, ndetse no kwagura ingendo za RWANDAIR hirya no hino ku isi;
- ✓ Gusana no kwagura imihanda itandukanye ifasha ubuhahirane hirya no hino mu gihugu no hanze;
- ✓ Kunoza uburyo rusange bwo gutwara abantu cyane cyane mu mujyi wa Kigali.

e) **Urwego rw'amazi, isuku n'isukura** rwagenewe agera kuri **Miliyari 30.4** z'Amafaranga y'u rwanda, akazakoreshwa mu bikorwa by'ingenzi harimo:

- ✓ Gukomeza imishinga igamije kongera amazi meza mu mujyi wa Kigali n'indi mijyi no gusana ibikorwaremezo by'amazi;
- ✓ Gukomeza gukwirakwiza amazi meza mu cyaro twibanda cyane cyane mu turere dufite ikigereranyo cy'abaturage badafite amazi meza kiri munsi ya 70 ku ijana;

f) **Urwego rw'ubuzima** rwagenewe amafaranga y'u Rwanda agera kuri **Miliyari 193.6**, akazakoreshwa mu bikorwa by'ingenzi harimo:

- ✓ Kubaka amavuriro n'ibitaro hirya no hino mu gihugu mu rwego rwo kwegereza abaturage serivisi z'ubuzima;
- ✓ Gukomeza kurwanya imirire mibi no kugwingira ku bana ku bufatanye na Banki y'isi;
- ✓ Gukomeza kongera umubare w'abakozi babifitiye ubushobozi mu mavuriro n'ibitaro hirya no hino mu gihugu;

g) **Urwego rw'uburezi** rwagenewe amafaranga y'u Rwanda agera kuri Miliyari 248.5, akazakoreshwa mu bikorwa by'ingenzi harimo:

- ✓ Gusana no kubaka ibyumba by'amashuri n'ubwiherero hirya no hino mu gihugu;
- ✓ Gukomeza kwita ku ireme ry'uburezi dutanga imfashanyigisho mu mashuri atandukanye ndetse no kongerera ubumenyi abarimu;
- ✓ Gukomeza kongera amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro ndetse no gutanga ibikoresho bikenerwa muri ayo mashuri;
- ✓ Gufasha kaminuza nkuru y'igihugu mu gukomeza kwiyubaka twibanda mu masomo y'ubushakashatsi mu by'ubumenyi n'ikoranabuhanga (STEM).

***Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;***
***Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;***
***Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko*;**

43. Munyemerere kandi mbagaragarize ingamba zizadufasha kwinjiza amafaranga ava imbere mu gihugu ateganyijwe mu ngengo y'imari ya 2017/18:
    i. Kunoza imikoreshereze y'imashini zitanga inyemezabuguzi (EBMs) no gutanga imashini nshya ibihumbi 10 ku basora;
    ii. Gushyira imbaraga mu ihuzwa ry'amakuru ku misoro n'abasora batandukanye (data matching) ku bufatanye n'inzobere za Carnegie Melon University kugira ngo tubashe kumenya ahari icyuho abe ariho hakorerwa igenzura (audit);
    iii. Gushyira mu bikorwa uburyo bushya bwo kugenzura ubwikorezi bw'amakamyo anyuza ibicuruzwa mu Muhora wa Ruguru (Northern Corridor Cargo Trucking Systems) mu rwego rwo gukumira magendu, ubushimusi n'itinzwa ry'imizigo mu nzira;
    iv. Gushyira imbaraga mu igaruzwa rw'imisoro itarishyuwe (tax arrears) cyane cyane imisoro yeguriwe inzego z'ibanze hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga buhuza amakuru y'imitungo na ba nyirayo (GIS);
    v. Gukomeza kubaka ubushobozi bw'abakozi b'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro binyuze ku bufatanye n'Ibigo mpuzamahanga bifite ubunararibonye mu gucunga imisoro;

44. Hari n'ingamba duhuriyeho n'ibihugu by'Umuryango w'Afurika y'I Burasirazuba (EAC) zizanadufasha guteza imbere ibikorerwa iwacu, arizo zikurikira:
    i. Imashini zikora imihanda (Road Tractors) zizajya zisoreshwa ku gipimo cya 0 ku ijana aho kuba 10 ku ijana;

ii. Imodoka z'ubwikorezi zitwara hagati ya toni 5 na 20 zizajya zisoreshwa ku 10 aho kuba 25 ku ijana;
iii. Imodoka z'ubwikorezi zikorera hejuru ya toni 20 zizajya zisoreshwa ku gipimo cya 0 ku ijana aho kuba 25 ku ijana;
iv. Amabisi (buses) atwara hagati y'abantu 25 na 50 azajya asoreshwa ku gipimo cya 10 aho kuba cya 25 ku ijana;
v. Amabisi (buses) atwara abantu barenze 50 azajya asoreshwa ku gipimo cya 0 aho kuba 25 ku ijana;
vi. Isukari itumizwa hanze y'isoko ryo mu karere izajya isoreshwa ku gipimo cya 25 ku ijana aho kuba 100 ku ijana;
vii. Umuceri utumizwa hanze y'isoko ryo mu karere uzajya usoreshwa ku gipimo cya 45 aho kuba 75 ku ijana;
viii. Ingano zitonoye (wheat grain) zizajya zisoreshwa ku gipimo cya 0 aho kuba 35 ku ijana kuko zikoreshwa mu nganda;
ix. Imashini zo mu nganda zikora imyenda no n'izitunganya impu zizajya zisoreshwa ku gipimo cya 0 ku ijana aho kuba 25 ku ijana;
x. Ibikoresho byo mu rwego rw'ikoranabuhanga n'itumanaho (Telecommunication equipment) bizajya bisoreshwa ku gipimo cya 0 aho kuba cya 25 ku ijana;
xi. Imashini zikoreshwa mu kwishyura no guhana amafaranga n'ibijyanye nazo (Smart cards, ATMs, POs and their Operating Machines) n'ibindi bizajya bisoreshwa ku gipimo cya 0 ku ijana aho kuba 25 ku ijana;
xii. Ibicuruzwa bigurishirizwa mu Iguriro rusange ry'abakora mu nzego zishinzwe umutekano (Rwanda Armed Forces Shop) bizajya bisoreshwa kuri 0 ku ijana.
xiii. Mu rwego rwo gukomeza guteza imbere Gahunda ya "Made in Rwanda", umusoro ku myenda yambawe (Second hand clothes) uzaguma ku

madorali 2.5 ku kilo; naho umusoro ku nkweto zambawe ukazaguma ku madorali 5 ku kilo.

***Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;***
***Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;***
***Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko*;**

45. Munyemerere kandi mbagezeho mu buryo burambuye imishinga y'ingenzi yagenewe amafaranga bijyanye na gahunda ya EDPRS ya 2:

### a) Kongera umuvuduko w'ubukungu

46. Iki cyiciro cyagenewe amafaranga y'u Rwanda agera kuri **Miliyari 414.9** aribyo bingana na **20 ku ijana** by'Ingengo y'Imari yose ya 2017/18 asaranganyijwe mu mishinga y'ingenzi ikurikira:
    - ✓ Umushinga wo gukwirakwiza amashanyarazi mu gihugu (EARP): **Miliyari 38.1**;
    - ✓ Umushinga wo kubaka umuhanda uzengurutse ikiyaga cya Kivu mu gace ka Gisiza-Rubavu: **Miliyari 14.8**;
    - ✓ Umushinga wo Gusana umuhanda wa Kagitumba-Kayonza-Rusumo: **Miliyari 13.5**;
    - ✓ Umushinga wo gukora icyiciro cya kabiri cy'umuhanda Rukomo-Base: **Miliyari 11.7**;
    - ✓ Umushinga wo kwagura umuhanda wa Base-Butaro-Kidaho: **Miliyari 11**;
    - ✓ Umushinga wo kubaka icyiciro cya 1 cy'umuhanda wa Nyagatare-Rukomo: **Miliyari 9.4**;
    - ✓ Umushinga wa kubaka umuhanda uzengurutse ikiyaga cya kivu mu gace ka Rubengera-Gisiza: **Miliyari 7.4**;
    - ✓ Gutangiza imirimo yo kubaka umuhanda Ngoma-Nyanza: **Miliyari 1**;
    - ✓ Umushinga wo kwagura ikibuga cy'indege cya Kamembe: **Miliyari 6.9**;

- ✓ Umushinga wo kubaka umuyoboro w'amashanyarazi wa 110 KV wa Rulindo-Ngarama-Musha: **Miliyari 6.8**;
- ✓ Umushinga wo kubaka umuyoboro w'amashyanyarazi wa KV 220 uva Bwishyura-Kigoma-Rwabusoro: **Miliyari 6.7**;
- ✓ Umushinga wo gusana umuhanda wa Huye-Kitabi: **Miliyari 5.6**;
- ✓ Umushinga wo kubaka umuyoboro w'amashyanyarazi wa KV 220 hagati ya Butare-Mamba-Rwabusoro-Rilima: **Miliyari 5.5**;
- ✓ Umushinga wo kwagura ikibuga cy'indege cya Kanombe: **Miliyari 4.1**;
- ✓ Umushinga wo kubaka Industrial parks zo mu ntara: **Miliyari 3.7**;
- ✓ Umushinga wo guteza imbere inganda zicirirtse zitunganya ibikoresho by'inganda (Manufacturing Growth project): **Miliyari 3.5**;
- ✓ Umushinga wo kubaka ahagenewe ubukerarugendo bushingiye ku muco mu mujyi wa Kigali( Kigali Cultural Village project): **Miliyari 3.3**;
- ✓ Umushinga wo kurangiza umuhanda uzengurutse Ikiyaga cya Kivu mu gace ka Tyazo-Karongi: **Miliyari 3.1**;
- ✓ Umushinga wo gusana umuhanda Kagasa-Batima:**Miliyari 2.7**;

### b) Guteza imbere icyaro

47. Iki cyiciro cyagenewe amafaranga y'u Rwanda agera kuri **Miliyari 348.3** aribyo bingana na **17 ku ijana** by'Ingengo y'Imari yose ya 2017/18 asaranganyijwe mu mishinga y'ingenzi ikurikira:
    - ✓ Umushinga wo gukwirakwiza imbuto z'indobanure n'inyongeramusaruro: **Miliyari 11.5**;
    - ✓ Umushinga wo kugeza amazi meza mu mijyi itandukanye: **Miliyari 10.7**;
    - ✓ Umushinga wo gutunganya imihanda y'imigenderano ifasha abaturage kugeza umusaruro ku masoko: **Miliyari 10.7**;
    - ✓ Umushinga wo kubungabunga amashyamba n' ibidukikije: **Miliyari 9.8**;
    - ✓ Umushinga wo gutunganya ibishanga: **Miliyari 5.1**;

- ✓ Umushinga ugamije kongera ubuso buhingwaho icyayi: **Miliyari 3.6**;
- ✓ Umushinga wo kuvomera imyaka no gukusanya amazi y'imvura (LWH): **Miliyari 3.6**;
- ✓ Umushinga wo gutanga inka ku miryango ikennye (GIRINKA): **Miliyari 3.5**;
- ✓ Umushinga wo gukwirakwiza amazi meza mu karere ka Gicumbi: **Miliyari 3.3**;
- ✓ Umushinga wo kugeza amazi meza mu Ntara y'Iburasirazuba ku bufatanye n'Ikigega cy'Abayapani (JICA): **Miliyari 3**;
- ✓ Umushinga wo gutunganya igishanga cya Muvumba (Muvumba Multi Purpose Dam Project): **Miliyari 3**;
- ✓ Umushinga wo gutera intanga mu matungo: **Miliyari 1.4**;
- ✓ Umushinga wo gukora ubushakashatsi no gutubura imbuto zitandukanye mu gihugu cyacu: **Miliyari 1.0**;
- ✓ Umushinga wo gukwirakwiza ishwagara mu turere dufite ubutaka busharira: **Miliyari 1**.

### c) Kongera umusaruro no guhanga imirimo ku rubyiruko

48. Iki cyiciro kikaba cyaragenewe amafaranga y'u Rwanda agera kuri **Miliyari 123.4** aribyo bingana na **6 ku ijana** by'Ingengo y'Imari yose ya 2017/18 asaranganyijwe mu mishinga y'ingenzi ikurikira:
    - ✓ Umushinga wo guteza imbere ubumenyingiro: **Miliyari 7.8**;
    - ✓ Umushinga wo guteza imbere urubyiruko no kwihangira imirimo: **Miliyari 4.6**;
    - ✓ Umushinga wo gufasha urubyiruko kwihangira imirimo bahabwa ibikoresho by'ibanze byo gutangira binyujijwe muri BDF: **Miliyari 2.5**;
    - ✓ Umushinga wo gutunganya umusaruro w'inganda nto n'izicirirtse (Community processing centers): **Miliyari 1**;
    - ✓ Umushinga wo kongera ubushobozi mu mashuri makuru duterwamo inkunga n' abahorandi: **Miliyari 1.4**;

- ✓ Umushinga wo kwagura Ikigo cy'Iwawa, Ikigo cya Nyamagabe n'Ikigo cya Gitagata: **Miliyari 2.4**;

### d) Guteza imbere imiyoborere myiza

49. Iki cyiciro kikaba cyaragenewe amafaranga y'u Rwanda agera kuri **Miliyari 221.5** bingana na **11 ku Ijana** by'Ingengo y'Imari yose ya 2017/18 asaranganyijwe mu mishinga y'ingenzi ikurikira:

- ✓ Umushinga wo kugura no gusana inyubako z'ambasade: **Miliyari 2.5**;
- ✓ Umushinga ugamije guteza imbere Gahunda y'imiyoborere myiza mu nzego z'ibanze: **Miliyari 2.3**;
- ✓ Umushinga ugamije guteza imbere ibikorwa by'ibarurishamibare: **Miliyari 2.1**;
- ✓ Umushinga wo kubaka Inzu y'Igihugu izakoreshwa mu kubika inyandiko (National Archives Project): **Miliyari 1.4**;
- ✓ Umushinga wo kurangiza inyubako zizakorerwamo n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi: **Miliyari 1.4**;
- ✓ Umushinga wo kwagura Ikigo cy'Ubutore cya Nkumba: **Miliyari 1.0**;
- ✓ Umushinga ugamije kongera umutekano w'ikoranabuhanga (National Cyber Security): **Miliyari 3.0**.

### e) Inzego z'ingenzi zunganira ibikorwa by'iterambere (Foundational Sectors)

50. Iki cyiciro kikaba cyaragenewe amafaranga y'u Rwanda agera kuri **Miliyari 986.8** bingana na **47 ku ijana** by'Ingengo y'Imari yose ya 2017/18 asaranganyijwe mu mishinga y'ingenzi ikurikira:

- ✓ Umushinga wo gukomeza Gahunda yo kurwanya SIDA: **Miliyari 37.8**;
- ✓ Gukomeza umushinga wa gahunda yo kurwanya ikwirakwizwa rya Malariya hatangwa inzitiramibu no gutera umuti mu duce dukunze kwibasirwa n'iki cyorezo: **Miliyari 9.2**;
- ✓ Umushinga wo kurwanya igituntu: **Miliyari 3.8**;

- ✓ Gushyigikira gahunda y'inkingo muri Gahunda y'ubuzima bwiza: **Miliyari 3.9**;
- ✓ Umushinga wo gutanga ibikoresho bikenewe mu bitaro n'amavuriro hirya no hino mu gihugu: **Miliyari 3.0**;
- ✓ Umushinga wo gukomeza kuvugurura ibitaro bya Byumba: **Miliyoni 773.5**;
- ✓ Umushinga wo gukomeza gusana ibitaro bya Ruhengeri: **Miliyari 3.8**;
- ✓ Umushinga wo gukomeza kuvugurura ibitaro bya Munini na Gatonde: **Miliyari 2.1**;
- ✓ Umushinga wo kubaka amacumbi muri Kaminuza y'u Rwanda: **Miliyari 1.2**;
- ✓ Umushinga wo kubaka no Gusana amashuri hirya no hino mu gihugu: **Miliyari 8.3**;
- ✓ Gukomeza inyubako z'ahakorera Ishami rya kaminuza mu karere ka Rusizi: **Miliyari 1.1**;
- ✓ Kurangiza imirimo y'inyubako ya Gereza ya Mageragere: **Miliyari 1.2**;
- ✓ Gukomeza umushinga wo kubika ku buryo bw'ikoranabuhanga inyandiko zakoreshejwe n'Inkiko Gacaca: **Miliyari 1.3**;
- ✓ Gukomeza kubungabunga ibiranga amateka ya Genoside yakorewe abatutsi hasanwa inzibutso hirya no hino mu gihugu: **Miliyari 1**.

***Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;***
***Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;***
***Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko*;**

51. Mboneyeho kandi kubizeza ko uyu mushinga wateguwe hashingiwe ku bitekerezo byatanzwe n'inteko ishinga amategeko nk'uko byashyikirijwe Guverinoma. Muri byo twavugamo cyane cyane kugenera amafaranga ibikorwa Nyakubahwa Perezida wa Repubulika aba yaremereye abaturage mu nzego zitandukanye, kongera amafaranga agenerwa urwego rw'ubuhinzi, guteganyiriza amafaranga ingurane ihabwa abaturage ku bikorwa byabo

byangizwa hakorwa imishinga itandukanye y'inyungu rusange, kwishyura ibirarane biberewemo ibitaro n'ibigo nderabuzima bituruka ku bwishingizi bwo kwivuza, gukwirakwiza amashanyarazi n'amazi meza.

52. Muri rusange tukaba tubizeza ko ibyinshi byagenewe amafaranga muri iyi ngengo y'imari, ndetse n'ibindi bigaragara ko bisaba amikoro arenze umwaka umwe bikaba bizakomeza kwitabwaho mu gihe giciritse. Uburyo ibyifuzo by'inteko ishinga amategeko byitaweho bukazaganirwa mu buryo burambuye na Komisiyo igihe izaba isuzuma uyu mushinga.

## V. UMWANZURO

53. Mu gusoza, munyemerere kandi nshimire Inteko ishinga amategeko uburyo bushya yakoresheje mu gusuzuma imbanzirizamushinga w'ingengo y'imari hashingiwe ku byiciro buri rwego rubarizwamo (clusters), kuko bwadufashije kunoza igenamigambi hagati y'inzego hatezwa imbere imikoranire ndetse no guteganya ibikorwa mu gihe giciriritse.
54. Nongeye kandi kubashimira umwanya mwampaye kugira ngo mbagezeho mu izina rya Guverinoma umushinga w'ingengo y'imari ya Leta y'umwaka wa 2017/2018. Mboneraho kubasaba kuwemeza kugira ngo gahunda z'ibikorwa n'imishinga biwukubiyemo bizatangire gushyirwa mu bikorwa mu gihe cyateganyijwe.

**Murakoze!**